Vuga Ukire: isoko yo kongera icyizere ku bagore n'abakobwa no kubaka imiryango itekanye

SPRICH UND HEILE – PSYCHOSOCIAL CENTER, RWANDA-VUGA UKIRE TRAUMA HEALING AND RESILIENCE HUB



Mu buzima bwa buri munsi, abantu bahura n'ibibazo bitandukanye. Hari ababasha kubishakira ibisubizo bonyine, ariko hari n'abakenera umuntu ubatega amatwi, akabafasha kongera kwizera ko ubuzima bushoboka. Ku bagore n'abakobwa benshi bahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'amakimbirane yo mu miryango, kugira uwo babwira ibibazo byabo byabaye intambwe ya mbere yo gukira ibikomere.

Ni muri urwo rwego Family Circle Love Lab Organization (FCLLO), ku nkunga ya Kvinna till Kvinna Foundation, yashyize mu bikorwa umushinga Vuga Ukire, binyuze muri gahunda ya Dufatanye, ugamije gufasha abagore n'abakobwa bo mu Karere ka Huye kongera kwiyubaka, gukira ibikomere no kugira uruhare mu iterambere ry'imiryango yabo n'iry'igihugu.



Mu gihe cy'imyaka itanu, umushinga Vuga Ukire wageze ku bagore n'abakobwa bo mu ntara y’Amajyepfo mu mirenge itandukanye, ubafasha kubona ubujyanama, ubumenyi n'ubufasha bwo kongera kwiyubaka nyuma y'ihohoterwa n'amakimbirane yo mu miryango.

Uyu mushinga ntiwagarukiye gusa ku gutanga ubufasha bwo mu mutwe, ahubwo wanubatse ubushobozi bw'abagenerwabikorwa mu gukemura amakimbirane binyuze mu biganiro, kwimakaza umuco wo kubahana, uburinganire n'ubufatanye mu muryango.



Abari baracecetse kubera ubwoba n'agahinda batangiye kuvuga. Abari baratakaje icyizere batangiye kongera kwizera ejo hazaza. Imiryango yari yarasenyutse itangira kongera kubaka umubano ushingiye ku bwubahane no kuganira. Bamwe mu bafashijwe n’uyu mushinga bavuga ko Vuga Ukire yahinduye ubuzima bwabo. Mkarutanga ni umwe mu bagore bahuguwe n’uyu mushinga ndetse anafashwa nawo mu bikorwa bitandukanye, avuga ko mbere yo kuwugeramo yabagaho mu buzima bwuzuyemo intimba kuko yahoraga mu makimbirane nuwo bashakanye.

Ati: "Nongeye kwiyumva nk'umuntu ufite agaciro. Mbere numvaga nta gaciro mfite kandi nta muntu unyumva. Amahugurwa n'ibiganiro nahawe byamfashije kongera kwigirira icyizere, mvuga ikibazo cyanjye, nongera kubana neza n'umuryango wanjye.dore ko twari tubanye mu makimbirane."



Undi nawe witwa Mukakabera Madeleine yavuze ko mbere amakimbirane yari yarabaye igice cy'ubuzima bwa buri munsi, ariko ubu we n'umuryango we bize kuganira no gukemura ibibazo mu mahoro.

The image part with relationship ID rId10 was not found in the file.



Ati:’’ «"Mbere twabaga mu ntonganya buri munsi. Nta bwubahane bwari bukiri hagati yacu. Buri wese yumvaga ari we uri ukuri.Nyuma yo kwitabira amahugurwa ya Vuga Ukire, ibintu byarahindutse.Twize kuganira, gutega amatwi no kubahana. Ubu iyo havutse ikibazo turicarana tukagishakira umuti. Abana bacu babayeho mu mutuzo, natwe twongeye kubaka urugo rwacu."»

Avuga ko ubumenyi bahawe bwatumye bagira uruhare mu gukemura amakimbirane no gufasha n'indi miryango yo mu mudugudu.



Umuyobozi wa Family Circle Love Lab Organization, Dative Nakabonye, avuga ko intego y'umushinga yari ugufasha abagore n'abakobwa kubona abantu batekanye bavuga ibibazo byabo no kongera kubaka ubuzima bwabo.



Yagize ati: "Mu myaka itanu ishize, Vuga Ukire ntiwabaye umushinga w'ibikorwa gusa. Wabaye urubuga rwo gutega amatwi abantu, kubafasha gukira ibikomere no kongera kwiyubaka. Twabonye abagore bongera kwigirira icyizere no kugira uruhare mu iterambere ry'imiryango yabo."

Akomeza ashimira Kvinna till Kvinna Foundation ku nkunga yatanze, avuga ko ubufatanye bwagize uruhare rukomeye mu kugeza impinduka ku baturage.
Ati «"Iyo turebye aho twatangiriye n'aho tugeze, tubona neza ko inkunga ya Kvinna till Kvinna Foundation yahinduye ubuzima bw'abaturage benshi. Twizeye ko n'ubwo umushinga urangiye, ubumenyi wasize buzakomeza kubyara umusaruro.kandi twifuza ko uzakomeza kutuba hafi no gufasha abaturage."»



Abayobozi b'Akarere ka Huye aho uyu mushinga ukorera bashima uruhare rw'umushinga.bavuga ko Vuga Ukire yagize uruhare rugaragara mu kugabanya amakimbirane yo mu miryango no guteza imbere umuco wo gukemura ibibazo mu mahoro.

Muhawenimana Vestine, ushinzwe urubyiruko mu Karere ka Huye, yavuze ko umushinga wagize uruhare mu kubaka sosiyete ishingiye ku bwubahane, uburinganire no kurengera uburenganzira bw'abagore n'abakobwa.

Yagaragaje ko ubumenyi abaturage bahawe buzafasha gukomeza kubaka imiryango itekanye ndetse n'iterambere rirambye.

Ati:'' «"Twabonye impinduka zigaragara mu miryango. Abagore n'abakobwa bahawe ijambo, bongera kugira icyizere, kandi umuco wo kuganira no gukemura ibibazo mu mahoro urushaho gushinga imizi. ubumenyi abaturage bahawe buzabafasha gukomeza gusangiza abandi ibyo bize. Uwo ni wo murage ukomeye Vuga Ukire isize mu Karere ka Huye."»

Abakoanye n'uyu musinga bagize amahirwe yo guhugurwa bahabwa ubumenyi n'imfashanyigisho bizabafasha gukomeza gusangiza abandi baturage ibyo bize, bityo impinduka zatangiye zikomeze gukwira mu miryango no mu baturage muri rusange.

Uyu mushinga wasize abaturage bafite ubushobozi bwo kuganira ku bibazo byabo, kubishakira ibisubizo mu mahoro no kubaka imiryango ishingiye ku bwubahane, uburinganire n'ubufatanye. Aba baturage kandi bafashijwe kwiga imyuga itandukanye aho kandi hari nabamenye gukora amasabune,kwiga kudoda n'ibindi bikorwa bitandukanye birimo kwizigama binyuze mu matsinda,….ibi byose bikaba bibafasha kwikura mu buken.

Mu rugendo rw'imyaka itanu ingaruka nziza rwagize zizakomeza kuboneka mu buzima bw'abaturage.

Binyuze mu bufatanye bwa Family Circle Love Lab Organization (FCLLO) na Kvinna till Kvinna Foundation, abagore n'abakobwa benshi bongeye kubona icyizere, imiryango iriyubaka, naho abaturage bunguka ubumenyi bwo kuba igisubizo cy'ibibazo bibugarije.

Vuga Ukire yasize ubutumwa bukomeye: gutega amatwi umuntu, kumwubaha no kumuha amahirwe yo kongera kwiyubaka bishobora guhindura ubuzima bwe, umuryango we ndetse n'umuryango nyarwanda muri rusange.

VUGA UKIRE – Vuga, Wumve, Ukire, Wubake Ubuzima Bushya.